IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE N^{o} 22, KIGENEWE

ABAHINZI- BOROZI IGICE CYA MBERE KANAMA (01-10), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 12 Kanama 2020

Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Kanama 2020 kuva tariki ya 01 kugeza tariki ya 10, ahenshi mu gihugu nta mvura yaguye uretse ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 4.1. Ibi bikagaragaza ko iki gice cya mbere cya Kanama cyaranzwe n'izuba ryinshi ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iki gihe.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya mbere cya Kanama, igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 22.7 muri Musanze na Gicumbi ndetse na 32.1°C muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 10.6°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 17.6°C ku bupimiro bwo mu mujyi wa Kigali.

Ishusho 1: Imvura yaguye ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Kanama 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Kanama 2020. Imvura ingana na milimetero 4.1 yapimwe ku bupimiro bwa Nyagatare, ahandi hasigaye hakaba nta mvura yahabonetse. Iki gice cya mbere cya Kanama cyaranzwe n'izuba ryinshi.

Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mugice cya mbere cya Kanama 2020 muri mm

1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Kanama

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Kanama.

Ubusanzwe igice cya mbere cya Kanama kigusha imvura iri hagati ya milimetero 1.1 na 25; bigaragara ko ugereranyije n'imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nke cyane mu gihugu hose.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Kanama

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Kanama 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri iki gice umunsi umwe wabonetse ku bupimiro bwa Nyagatare ahandi hasigaye hose mu gihugu nta mvura yahabonetse.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cya Kanama 2020 bwaragabanutse cyane bitewe n'ibihe by'izuba byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buziyongera mu gice cya kabiri cya Kanama bitewe n'uko ibi bihe by'izuba bizatangira kugabanuka.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi.

Mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 22.7 na 29.4 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 32.1.



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 10.6^0C (Busogo) na Dogere Selisiyusi 17.8^0C (Umujyi wa Kigali). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha utundi duce tw'igihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Kanama (tariki 11-20) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya Kabiri cy'ukwezi kwa Kanama 2020 (hagati y'italiki ya 11 niya 20) mu Rwanda hateganyijwe kugwa imvura iri hagati ya milimetero 0 na milimetero 20. Igice kinini cy'Akarere ka Nyamasheke, mu majyaruguru y'Akarere ka Burera, ay'Akarere ka Gicumbi ndetse no mu burengerazuba bw'Akarere ka Nyagatare hahana imbibi n'igihugu cy'Ubugande, hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na milimetero 20. Igice kinini cy'Intara y'Iburengerazuba wongeyeho Akarere ka Musanze, amajyepfo y'Akarere ka Burera n'ay'aka Gicumbi, Nyamagabe ahahana imbibi na Nyamasheke n'igice gito cy'Akarere ka Nyagatare hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 15. Ikindi gice gisigaye cy'Intara y'Amajyaruguru (Gakenke, Rulindo, amajyepfo ya Gicumbi), igice kinini cy'akarere ka Ngororero na Nyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 5 na 10. Igice kinini cy'Intara y'Amajyepfo wongeyeho Akarere ka Gasabo n'aka Nyarugenge n'amajyepfo y'Akarere ka Kirehe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 1 na 5. Naho ahandi hasigaye mu ntara y'Iburasirazuba wongeyeho uduce duke tw'Akarere ka Huye, aka Gisagara n'aka Nyaruguru duhana imbibi hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero 1.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya mbere cya Kanama 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ko imvura yabaye nke ndetse ikazakomeza kuba nke mu gice cya kabiri cya Kamena 2020 (tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gukurikiranira hafi ibihingwa ndetse bakaba banahinga cyane cyane mu bishanga n'ahandi hantu kuvomera bizaborohera, kandi bakomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye. Dushingiye kandi ko turimo turasatira igihembwe cy'ihinga A, abahinzi barashishikarizwa gutegura imirima yabo. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.